Umwaka wa 61
Igazeti ya Leta n° 26 yo ku wa 27/06/2022

Year 61
Official Gazette n° 26 of 27/06/2022

61ème Année
Journal Officiel n° 26 du 27/06/2022

Ibirimo/Summary/Sommaire *page/urup.*

A. Iteka rya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêté Ministériels

Nº 003/MOJ/AG/22 ryo ku wa 17/06/2022
Iteka rya Minisitiri ryemerera abahesha b'inkiko b'umwuga kureka kuba abahesha b'inkiko b'umwuga 3
Nº 003/MOJ/AG/22 of 17/06/2022
Ministerial Order authorising professional bailiffs to cease to be professional bailiffs 3
N° 003/MOJ/AG/22 du 17/06/2022
Arrêté Ministériel autorisant les huissiers de justice professionnels à cesser la profession d'huissiers de justice 3

N° 004/MOJ/AG/22 RYO ku wa 17/06/2022
Iteka rya Minisitiri ryirukana umuhesha w'inkiko w'umwuga 11
N° 004/MOJ/AG/22 of 17/06/2022
Ministerial Order dismissing a professional bailiff 11
N° 004/MOJ/AG/22 du 17/06/2022
Arrêté Ministériel portant révocation d'un huissier de justice professionnel 11

B. BNR: Amabwiriza/Regulation/Règlement

Nº 43/2022 yo ku wa 02/06/2022
Amabwiriza rusange agenga imicungire y'ikomeza ry'imirimo n'ukudahungabana k'uburyo bw'imikorere mu bigo bigenzurwa 15
Nº 43/2022 of 02/06/2022
Regulation governing business continuity management and operational resilience for regulated institutions 15
Nº 43/2022 du 02/06/2022
Règlement régissant la gestion de la continuité des activités et la résilience opérationnelle dans les institutions réglementées 15

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 003/MOJ/AG/22 RYO KU WA 17/06/2022 RYEMERERA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA KUREKA KUBA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA	MINISTERIAL ORDER Nº 003/MOJ/AG/22 OF 17/06/2022 AUTHORISING PROFESSIONAL BAILIFFS TO CEASE TO BE PROFESSIONAL BAILIFFS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MOJ/AG/22 DU 17/06/2022 AUTORISANT LES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS À CESSER LA PROFESSION D'HUISSIERS DE JUSTICE
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Kwemererwa **Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'iri teka** **Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**	**Article One: Authorisation** **Article 2: Repealing provision** **Article 3: Commencement**	**Article premier: Autorisation** **Article 2: Disposition abrogatoire** **Article 3: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 003/MOJ/AG/22 RYO KU WA 17/06/2022 RYEMERERA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA KUREKA KUBA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA	MINISTERIAL ORDER Nº 003/MOJ/AG/22 OF 17/06/2022 AUTHORISING PROFESSIONAL BAILIFFS TO CEASE TO BE PROFESSIONAL BAILIFFS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MOJ/AG/22 DU 17/06/2022 AUTORISANT LES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS À CESSER LA PROFESSION D'HUISSIERS DE JUSTICE
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;	**The Minister of Justice and Attorney General;**	**Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 47;	Pursuant to the Law n° 12/2013 of 22/03/2013 governing the bailiff professional function, especially in Article 47;	Vu la Loi n° 12/2013 du 22/03/2013 régissant la fonction d'huissier de justice, spécialement en son Article 47;
Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu Mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;	Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004 determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article one;	Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 858/08.11 ryo ku wa 20/05/2013 rishyiraho urutonde rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bemerewe gukora uwo murimo;	Having reviewed to the Ministerial Order n° 858/08.11 of 20/05/2013 publishing a list of professional court bailiffs allowed to exercise the profession;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 858/08.11 du 20/05/2013 portant publication de la liste des Huissiers de Justice Professionnels agrées pour exercer la profession;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 2154/08.25 ryo ku wa 07/07/2014	Having reviewed to the Ministerial Order Nº 2154/08.25 of 07/07/2014 appointing	Revu l'Arrêté Ministériel n° 2154/08.25 du 07/07/2014 portant nomination des

rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'umwuga;	Professional Court Bailiffs;	Huissiers de Justice Professionnels ;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 479/08.11 ryo ku wa 19/03/2015 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga	Having reviewed to the Ministerial Order Nº 479/MOJ/AG/08.11 of 19/03/2015 appointing Professional Court Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 479/08.11 du 19/03/2015 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 005/MOJ/AG/2015 ryo ku wa 27/11/2015 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;	Having reviewed to the Ministerial Order n° 005/MOJ/AG/08.25 of 27/11/2015 appointing Professional Court Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 005/MOJ/AG/08.25 du 27/11/2015 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 009/MOJ/AG/2016 ryo ku wa 26/08/2016 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;	Having reviewed to the Ministerial Order Nº 009/MOJ/AG/2016 of 26/08/2016 appointing Professional Court Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 009/MOJ/AG/2016 du 26/08/2016 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 024/MOJ/AG/2017 ryo ku wa 10/11/2017 rishyiraho abahesha b'inkiko b'umwuga;	Having reviewed to the Ministerial Order n° 024/MOJ/AG/2017 of 10/11/2017 appointing Professional Court Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 024/MOJ/AG/2017 du 10/11/2017 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 15/MOJ/AG/2019 ryo ku wa 05/09/2019 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;	Having reviewed to the Ministerial Order n° 15/MOJ/AG/2019 of 05/09/2019 appointing Professional Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 15/MOJ/AG/2019 du 05/09/2019 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels ;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 17/MOJ/AG/2019 ryo ku wa 25/09/2019 rishyiraho Abahesha b'Inkiko b'Umwuga;	Having reviewed to the Ministerial Order Nº 17/MOJ/AG/2019 of 25/09/2019 appointing Professional Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel n° 17/MOJ/AG/2019 du 25/09/2019 portant nomination des Huissiers de Justice Professionnels;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE:**

Ingingo ya mbere: Kwemererwa	**Article One: Authorisation**	**Article premier: Autorisation**
Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bafite amazina ari ku mugereka w'iri teka bemerewe kureka kuba abahesha b'inkiko b'umwuga.	Professional Bailiffs whose names appear on the list annexed to this Order are authorised to cease to be professional bailiffs.	Les Huissiers de justice professionnels dont les noms figurent sur la liste annexée au présent arrêté sont autorisés à cesser la profession d'huissiers de justice.
Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'iri teka	**Article 2: Repealing provision**	**Article 2: Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Order are repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.
Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 3: Commencement**	**Article 3: Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 17/06/2022

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI Nº 003/MOJ/AG/22 RYO KU WA 17/06/2022 RYEMERERA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA KUREKA KUBA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA	**ANNEXE TO MINISTERIAL ORDER Nº 003/MOJ/AG/22 OF 17/06/2022 AUTHORISING PROFESSIONAL BAILIFFS TO CEASE TO BE PROFESSIONAL BAILIFFS**	**ANNEXE À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MOJ/AG/22 DU 17/06/2022 AUTORISANT LES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS À CESSER LA PROFESSION D'HUISSIERS DE JUSTICE**

Nº	**AMAZINA Y'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA BEMEREWE KUREKA KUBA ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA** **NAMES OF PROFESSIONAL BAILIFFS WHO ARE AUTHORISED TO CEASE TO BE PROFESSIONAL BAILIFFS** **NOMS DES HUSSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS AUTORISÉS À CESSER LA PROFESSION D'HUISSIERS DE JUSTICE**
01	BAMPIRE Léocadie
02	DUSABE Anitha
03	HABYARIMANA Emmanuel
04	KIBERINKA Florentine
05	IKINDI Victoire
06	MUKARUKUNDO Rébecca
07	MUREKEYIMANA Gaudence
08	MUSHAMBARO Richard
09	NSENGIYUMVA Jean Bosco
10	NSHIMIYIMANA Emmanuel
11	NYIRAMUSABWA Jeanine

12	NYIRANZEYIMANA Azèle
13	RUNEZERWA Jackson
14	TUYISENGE Théotime
15	UFITAMAHORO Marie Antoinette
16	UMWIZERWA Yvette
17	USABUWERA Martin
18	UWAMAHORO Patrick
19	UWIMANA Léonille

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri nº 003/MOJ/AG/22 ryo ku wa 17/06/2022 ryemerera abahesha b'inkiko b'umwuga kureka kuba abahesha b'inkiko b'umwuga	**Seen to be annexed to Ministerial Order nº 003/MOJ/AG/22 of 17/06/2022 authorising professional bailiffs to cease to be professional bailiffs**	**Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel nº 003/MOJ/AG/22 du 17/06/2022 autorisant les huissiers de justice professionnels à cesser la profession d'huissiers de justice**

Kigali, 17/06/2022

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/MOJ/AG/22 RYO KU WA 17/06/2022 RYIRUKANA UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA	MINISTERIAL ORDER N° 004/MOJ/AG/22 OF 17/06/2022 DISMISSING A PROFESSIONAL BAILIFF	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/MOJ/AG/22 DU 17/06/2022 PORTANT RÉVOCATION D'UN HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENT**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Kwirukanwa	**Article One: Dismissal**	**Article premier : Révocation**
Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'iri teka	**Article 2: Repealing provision**	**Article 2 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 3: Commencement**	**Article 3 : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/MOJ/AG/22 RYO KU WA 17/06/2022 RYIRUKANA UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA	**MINISTERIAL ORDER N° 004/MOJ/AG/22 OF 17/06/2022 DISMISSING A PROFESSIONAL BAILIFF**	**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/MOJ/AG/22 DU 17/06/2022 PORTANT RÉVOCATION D'UN HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL**
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;	**The Minister of Justice and Attorney General;**	**Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121 et 176;
Ashingiye ku Itegeko n° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'abahesha b'inkiko, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 43, iya 44, iya 45, iya 46 n'iya 47;	Pursuant to Law nº 12/2013 of 22/03/2013 governing the bailiff function, especially in Articles 43, 44, 45, 46 and 47;	Vu la Loi n° 12/2013 du 22/03/2013 régissant la fonction d'huissier de justice, spécialement en ses Article 43 44, 45, 46 et 47;
Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;	Pursuant to the Presidential Order nº 27/01 of 18/07/2004 determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;	Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtés Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son Article premier;
Asubiye ku Iteka rya Minisitiri nº 2154/MOJ/AG/2014 ryo ku wa 07/07/2014 rishyiraho abahesha b'inkiko b'umwuga;	Having reviewed Ministerial Order nº 2154/MOJ/AG/2014 of 07/07/2014 appointing professional court Bailiffs;	Revu l'Arrêté Ministériel nº 2154/MOJ/AG/2014 du 07/07/2014 portant nomination des huissiers de justice professionnels ;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**

Ingingo ya mbere: Kwirukanwa	**Article One: Dismissal**	**Article premier : Révocation**
Bwana KAGABA Alphonse wari Umuhesha w'inkiko w'umwuga yirukanywe burundu ku murimo w'abahesha b'inkiko kubera amakosa akomeye yakoze mu mwuga.	Mr KAGABA Alphonse who was professional bailiff is dismissed from the profession of bailiff due to gross misconduct.	M. KAGABA Alphonse qui était huissier de justice professionnel est révoqué de la profession d'huissier de justice pour cause de faute lourde.
Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'iri teka	**Article 2: Repealing provision**	**Article 2 : Disposition abrogatoire**
Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.	All prior provisions contrary to this Order are repealed.	Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.
Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 3: Commencement**	**Article 3 : Entrée en vigueur**
Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 17/06/2022 (sé) **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République:** (sé) **Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

AMABWIRIZA RUSANGE Nº 43/2022 YO KU WA 02/06/2022 AGENGA IMICUNGIRE Y'IKOMEZA RY'IMIRIMO N'UKUDAHUNGABANA K'UBURYO BW'IMIKORERE MU BIGO BIGENZURWA	**REGULATION Nº 43/2022 OF 02/06/2022 GOVERNING BUSINESS CONTINUITY MANAGEMENT AND OPERATIONAL RESILIENCE FOR REGULATED INSTITUTIONS**	**RÈGLEMENT Nº 43/2022 DU 02/06/2022 RÉGISSANT LA GESTION DE LA CONTINUITÉ DES ACTIVITÉS ET LA RÉSILIENCE OPÉRATIONNELLE DANS LES INSTITUTIONS RÉGLEMENTÉES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije	**Article One: Purpose**	**Article premier: Objet**
Ingingo ya 2: Abarebwa n'aya mabwiriza rusange	**Article 2: Scope**	**Article 2 : Champ d'application**
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions of terms**	**Article 3 : Définitions des termes**
Ingingo ya 4: Imikorere myiza y'ikigo kigenzurwa	**Article 4: Viability of regulated institution**	**Article 4: Viabilité de l'institution réglementée**
Ingingo ya 5: Kwangiriza abaguzi n'abagira uruhare mu masoko y'ikigo kigenzurwa	**Article 5: Harm to consumers and market players of regulated institution**	**Article 5: Dommage aux consommateurs et aux acteurs du marché d'une institution réglementée.**
UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'IKOMEZA RY'IMIRIMO	**CHAPTER II: BUSINESS CONTINUITY MANAGEMENT**	**CHAPITRE II : GESTION DE LA CONTINUITÉ DES ACTIVITÉS**
Icyiciro cya mbere: Imiterere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Section One: Business continuity management framework**	**Section première : Cadre de gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 6: Inshingano yo kugira	**Article 6: Obligation to have a business**	**Article 6: Obligation de disposer d'une**

imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**continuity management**	**gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 7: Imicungire y'ikomeza ry'imirimo nka kimwe mu bigize imicungire y'ibyateza ingorane	**Article 7: Business continuity management as part of risk management**	**Article 7: Gestion de la continuité des activités comme partie de la gestion des risques**
Ingingo ya 8: Ibigize imicungire yikomeza ry'imirimo	**Article 8: Elements of a business continuity management**	**Article 8: Éléments de gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 9: Politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Article 9: The business continuity management policy**	**Article 9: Politique de gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 10: Itsinda rishinzwe imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Article 10: Business continuity management team**	**Article 10: Équipe de gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 11: Itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo	**Article 11: Responsibilities of business continuity management team**	**Article 11: Responsabilités de l'équipe de gestion de la continuité des activités**
Article 12: Imiterere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Article 12: Status of business continuity management**	**Article 12: État de la gestion de la continuité des activités**
ICYICIRO CYA II: ISESENGURA RY'INGARUKA KU MIRIMO	**SECTION II: BUSINESS IMPACT ANALYSIS**	**SECTION II: ANALYSE DE L'IMPACT SUR LES ACTIVITÉS**
Ingingo ya 13: Intego z'isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**Article 13: Business impact analysis objectives**	**Article 13: Objectifs de l'analyse de l'impact sur les activités**
Ingingo ya 14: Ibikwiye kwitabwaho mu gihe cy'isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**Article 14: Factors to consider in business impact assessment**	**Article 14: Facteurs à prendre en compte dans l'évaluation de l'impact sur les activités**
Ingingo ya 15: Uburyo na tekiniki bikoreshwa mu gukora isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**Article 15: Methods and techniques for business impact analysis**	**Article 15: Méthodes et techniques pour l'analyses d'impact sur les activités**

Ingingo ya 16: Isesengura ry'ibyateza ingorane	**Article 16: Risk assessment**	**Article 16: Évaluation des risques**
Ingingo ya 17: Intego z'isubukurabikorwa	**Article 17: Recovery objectives**	**Article 17: Objectifs de reprise d'activités**
Ingingo ya 18: Gukemura ibibazo na gahunda z'isubukurabikorwa	**Article 18: Incidents response and recovery plans**	**Article 18 : La réaction aux incidents et plan de reprise d'activités**
Ingingo ya 19: Uburyo bwo gusubukura ibikorwa	**Article 19: Recovery arrangements**	**Article 19: Modalités de reprise d'activités**
ICYICIRO CYA III: GAHUNDA Y'IKOMEZA RY'IMIRIMO	**SECTION III: BUSINESS CONTINUITY PLANS**	**SECTION III : PLAN DE CONTINUITÉ DES ACTIVITÉS**
Ingingo ya 20: Gahunda y'ikomeza ry'imirimo	**Article 20: Business continuity plan**	**Article 20 : Plan de continuité des activités**
Article 21 : Gusuzuma gahunda y'ikomeza ry'imirimo	**Article 21: Testing of business continuity plan**	**Article 21 : Test du plan de continuité des activités**
Ingingo ya 22: Uburyo bw'igerageza rya gahunda y'ikomeza ry'imirimo	**Article 22: Business continuity plan testing methods**	**Article 22: Méthodes de test du plan de continuité des activités**
ICYICIRO CYA IV: IBISABWA MU ISUBUKURABIKORWA	**SECTION IV: RECOVERY REQUIREMENTS**	**SECTION IV: EXIGENCES DE REPRISE D'ACTIVITÉS**
Ingingo ya 23: Ubufatanye mu gukoresha amashami	**Article 23: Reciprocal use of branches**	**Article 23: Utilisation réciproque des branches**
Ingingo ya 24: Kwifashisha undi muntu mu birebana n'ahantu hagenewe isubukurabikorwa mu gihe cy'ibiza	**Article 24: Outsourcing of disaster recovery site and solutions**	**Article 24 : Externalisation des sites et des solutions de reprise d'activités en cas de sinistre**

n'ibisubizo bijyanye na ryo		
Ingingo ya 25: Ahantu hagenewe isubukurabikorwa mu gihe cy'ibiza	**Article 25: Disaster recovery site**	**Article 25 : Site de reprise d'activités en cas de sinistre**
Ingingo ya 26: Ibisubizo bijyanye n'isubukurabikorwa	**Article 26: Recovery solutions**	**Article 26 : Solutions de reprise d'activités**
ICYICIRO CYA V: ITUMANAHO	**SECTION V: COMMUNICATIONS**	**SECTION V : COMMUNICATION**
Ingingo ya 27: Uburyo bwo gutumanaho mu gihe habayeho ihagarika rikomeye ry'imirimo	**Article 27: Communication procedures in the event of major disruption**	**Article 27 : Communication en cas de perturbations majeures des activités**
Ingingo ya 28: Itumanaho ryambukiranya imipaka mu gihe habayeho ihagarika rikomeye ry'imirimo	**Article 28: Cross-border communication in the event of a major operational disruption**	**Article 28: Communication transfrontalière en cas de perturbations majeures**
UMUTWE WA III: UKUDAHUNGABANA KW'UBURYO BW'IMIKORERE	**CHAPTER III: OPERATIONAL RESILIENCE**	**CHAPITRE III : RÉSILIENCE OPÉRATIONNELLE**
Igice cya mbere: Imiyoborere	**Section one: Governance**	**Section première: Gouvernance**
Ingingo ya 29: Gushyiraho uburyo bwo kwihanganira ibyateza ingorane	**Article 29: Formulation of risk tolerance**	**Article 29 : Formulation de la tolérance au risque**
Ingingo ya 30: Ishingiro ry'ishyirwaho ry'uburyo bwo kwihanganira ingaruka	**Article 30: Basis for expression of impact tolerance**	**Article 30: Base de l'expression de la tolérance à l'impact**
Ingingo ya 31: Inshingano z'ubuyobozi bukuru	**Article 31: Responsibilities of senior management**	**Article 31 : Responsabilités de la haute direction**
Ingingo ya 32: Kumenyekanisha uburyo	**Article 32: Communication of**	**Article 32 : Communication de**

bwerekeye ukudahungabana kw'uburyo bw'imikorere	**operational resilience approach**	**l'approche de résilience opérationnelle**
Icyiciro cya 2: Gucunga ibyateza ingorane mu mikorere	**Section 2: Operational risk management**	**Section 2 : Gestion du risque opérationnel**
Ingingo ya 33: Ubufatanye hagati ya serivisi no kuzihuza	**Article 33 Collaboration and coordination between functions**	**Article 33 : Collaboration et coordination entre les fonctions**
Ingingo ya 34: Amabwiriza asanzwe ariho	**Article 34: Existing regulatory frameworks**	**Article 34 : Cadres réglementaires existants**
Igice cya 3: Imikoranire n'uburyo bwo kunganirana	**Section 3: Interconnections and interdependencies**	**Section 3: Interconnexions et interdépendances**
Ingingo ya 35: Igaragazwa ry'imikoranire n'uburyo bwo kunganirana	**Article 35: Identification of interconnections and interdependencies**	**Article 35: Identification des interconnexions et des interdépendances**
Ingingo ya 36: Gusuzuma ibyateza ingorane bikomotse ku kwishingikiriza ku bandi	**Article 36: Third-party dependency risk assessment**	**Article 36 : Évaluation des risques liés à la dépendance d'un tiers**
Igice cya 4: Imicungire y'ibibazo	**Section 4: Incidents management**	**Section 4 : Gestion des incidents**
Ingingo ya 37: Aho imicungire y'ikibazo igarukira	**Article 37: The scope of incident management**	**Article 37 : Échelle de la gestion des incidents**
Ingingo ya 38: Gusuzuma uburyo bwo guhangana n'ikibazo n'uburyo bwo gusubukura imirimo	**Article 38: Review of incident response and recovery procedures**	**Article 38: Révision de réponse aux incidents et des procédures de la reprise d'activités**
Igice cya 5: Ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho	**Section 5: Information and communication technology**	**Section 5: Technologies de l'information et de la communication**

Ingingo ya 39: Politiki y'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho	**Article 39: Information communication technology policy**	**Article 39: Politique en matière de technologies de l'information et de la communication**
Ingingo ya 40: Gutuma abantu benshi kandi bari kure bagera ku makuru	**Article 40: Implementation of wide-scale remote-access**	**Article 40: Mise en œuvre de l'accès à distance à grande échelle**
UMUTWE WA IV : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER IV: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE III: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 41: Gushyikiriza raporo ku Rwego rw'ubugenzuzi	**Article 41: Reports to the supervisory authority**	**Article 41: Rapport à l'autorité de contrôle**
Ingingo ya 42: Ibisabwa bikwiranye n'ikigo kigenzurwa	**Article 42: Tailored requirements**	**Article 42 : Exigences adaptées**
Ingingo ya 43: Ibihano byerekeye imyitwarire	**Article 43: Disciplinary sanctions and penalties**	**Article 43: Sanctions disciplinaires et pénalités**
Ingingo ya 44: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 44: Transitional period**	**Article 44 : Période de transition**
Ingingo ya 45: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	**Article 45: Repealing of inconsistent provisions**	**Article 45: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 46: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange	**Article 46: Drafting, consideration and approval of this regulation**	**Article 46: Initiation, examen et approbation du présent règlement**
Ingingo ya 47: Igihe aya mabwiriza atangirira gukurikizwa	**Article 47: Commencement**	**Article 47: Entrée en vigueur**

AMABWIRIZA Nº 43 /2022 YO KU WA 02/06/2022 RUSANGE AGENGA IMICUNGIRE Y'IKOMEZA RY'IMIRIMO N'UKUDAHUNGABANA K'UBURYO BW'IMIKORERE MU BIGO BIGENZURWA	REGULATION Nº 43/2022 OF 02/06/2022 GOVERNING BUSINESS CONTINUITY MANAGEMENT AND OPERATIONAL RESILIENCE FOR REGULATED INSTITUTIONS	RÈGLEMENT Nº 43/2022 DU 02/06/2022 RÉGISSANT LA GESTION DE LA CONTINUITÉ DES ACTIVITÉS ET LA RÉSILIENCE OPÉRATIONNELLE DANS LES INSTITUTIONS RÉGLEMENTÉES
Ishingiye ku Itegeko N° 48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6, iya 6 bis , iya 8, iya 9 ; iya 10 n'iya 15;	Pursuant to Law N° 48/2017 of 23/09/2017 governing the National Bank of Rwanda as amended to date, especially in its Articles 6, 6 bis, 8, 9; 10 and 15;	Vu la Loi N° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 6 bis, 8, 9 ; 10 and 15 ;
Ishingiye ku Itegeko N° 47/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 37 n'iya 117;	Pursuant to Law N° 47/2017 of 23/09/2017 governing the organization of banking, especially in its Articles 37 and 117;	Vu la Loi N° 47/2017 du 23/09/2017 portant organisation de l'activité bancaire, spécialement en ses articles 37 et 117 ;
Ishingiye ku Itegeko N° 030/2021 ryo ku wa 30/06/2021 rigenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 56, iya 57 n'iya 60 n'iya 82;	Pursuant to Law N° 030/2021 of 30/06/2021 governing the organisation of insurance business, especially in its articles 56, 57, 58, 60 and 82;	Vu la Loi N° 030/2021 du 30/06/2021 régissant l'organisation d'activité d'assurance, spécialement en ses articles 56, 57, 58, 60 et 82 ;
Iashingiye ku Itegeko N° 05/2015 ryo ku wa 30/03/2015 rigenga imitunganyirize y'ubwiteganyirize bwa pansiyo cyane cyane mu ngingo yayo ya 3;	Pursuant to Law N° 05/2015 of 30/03/2015 governing the organization of pension schemes especially in its article 3;	Vu la Loi N° 05/2015 du 30/03/2015 régissant l'organisation des régimes de pension spécialement en son article 3 ;
Ishingiye ku Itegeko N° 072/2021 ryo ku wa 05/11/2021 rigenga ibigo by'imari icyiritse byakira amafaranga abitswa,	Pursuant to Law N° 072/2021 of 05/11/2021 governing deposit-taking microfinance institutions, especially in its	Vu Loi N° 072/2021 du 05/11/2021 régissant les institutions de microfinance de dépôt, spécialement en ses articles 23 et 24 ;

cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 23 n'iya 24;	articles 23 and 24;	
Ishingiye ku Itegeko N° 061/2021 ryo ku wa 14/10/2021 rigenga uburyo bwo kwishyurana, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 ;	Law N° 061/2021 of 14/10/2021 governing the payment system, especially in its article 8;	Vu la Loi N° 061/2021 du 14/10/2021 régissant le système de paiement, spécialement en son article 8 ;
Ishingiye ku Itegeko Nº 73/2018 ryo ku wa 31/08/2018 rigena uburyo bw'ihererekanyamakuru ku myenda cyane cyane mu ngingo iya 9, iya 13 n'iya 23;	Pursuant to Law Nº 73/2018 of 31/08/2018 governing credit reporting system, especially in its articles 9, 13 and 23;	Vu la Loi Nº 73/2018 du 31/08/2018 régissant le système d'information sur les crédits, spécialement en ses articles 9,13 et 23 ;
Isubiye ku mabwiriza rusange N° 04/2018 yo ku wa 24/01/ 2018 yerekeye imicungire y'ikomeza ry'imirimo;	Having reviewed the Regulation N° 04/2018 of 24/01/ 2018 on business continuity management;	Ayant revu le Règlement N° 04/2018 du 24/01/ 2018 sur la gestion de la continuité des activités ;
Banki Nkuru y'u Rwanda, mu ngingo zikurikira yitwa «**Urwego rw'ubugenzuzi**» , ishyizeho aya mabwiriza rusange akurikira :	The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as the «**Supervisory Authority**», issues the following regulation:	La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée « **Autorité de contrôle** », édicte le présent règlement :
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije	**Article One: Purpose**	**Article premier: Objet**
Aya mabwiriza rusange agamije guteza imbere, kunoza no gushyiraho ukudahungabana kw'uburyo bw'imikorere bw'ikigo kigenzurwa mu rwego rwo gukurikirana ko gifite ubushobozi bwo	This regulation aims at promoting, enhancing, and ensuring operational resilience for a regulated institution to ensure that it is able to continue operations on a going concern while minimizing	Le présent règlement vise à promouvoir, améliorer et assurer la résilience opérationnelle d'une institution réglementée afin de s'assurer qu'elle est en mesure de poursuivre ses opérations en

gukomeza ibikorwa byacyo kigabanya ibihombo mu gihe habayeho ihagarika rikomeye ry'imirimo.	losses in the event of major operational disruptions.	activité, tout en minimisant les pertes en cas de perturbations opérationnelles majeur.
<u>Ingingo ya 2</u>: Abarebwa n'aya mabwiriza	**<u>Article 2</u>: Scope**	**<u>Article 2</u> : Champ d'application**
Aya Mabwiriza rusange akurikizwa mu bigo bigenzurwa.	This Regulation applies to regulated institutions.	Le présent règlement s'applique à toute institution réglementée.
<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo	**<u>Article 3</u>: Definitions of terms**	**<u>Article 3</u> : Définitions des termes**
Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira asobanura:	For the purposes of this Regulation, the following terms and expressions means:	Aux fins du présent règlement, les termes et expressions suivants signifient :
1º **Ikigo kigenzurwa**: ikigo cyemerewe gukora kandi kigenzurwa kigenzurwa n' Urwego rw'Ubugenzuzi;	1º **a regulated institution**: any financial institution licensed and supervised by the Supervisory Authority;	1° **Une institution règlementée**: toute institution agrée et supervisée par l'Autorité de contrôle ;
2º **inama y'ubutegetsi:** inama y'ubutegetsi n'inama y'abacunga iby'abandi b'umwuga z'ibigo bigenzurwa;	2º **board of directors**: board of directors and board of trustees for regulated institutions;	2° **conseil d'administration:** conseil d'administration et conseil des fiduciaires pour les institutions réglementées ;
3º **imicungire y'ikomeza ry'imirimo:** uburyo bwo kubona imirimo muri rusange bukubiyemo politiki, ibigenderwaho, ingamba n'ibikurikizwa bituma ibikorwa runaka bikomeza gukorwa cyangwa bigasubizwa ku murongo	3º **business continuity management (BCM):** a whole-of-business approach that includes policies, standards, frameworks and procedures for ensuring that specific operations can be maintained or recovered in a timely	3° **gestion de la continuité des activités (BCM):** approche globale qui comprend des politiques, des normes, des cadres et des procédures pour assurer que les opérations spécifiques peuvent être maintenues ou recouvrées en temps opportun en

mu gihe gikwiye iyo hari icyabihagaritse. Iyi micungire igamije kugabanya ibyateza ingaruka zijyanye n'ibikorwa, n'imari, n'amategeko, n'isura by'ikigo ndetse n'izindi ngaruka zigaragara zituruka ku ihagarara ;	fashion in the event of disruption and whose purpose is to minimize the operational, financial, legal, reputational and other material risks arising from disruption;	cas de perturbation. Son but est de minimiser les risques opérationnelles, financières, juridiques, de réputation et d'autres risques matérielles résultant d'une interruption ;
4º **gahunda y'ikomeza ry'imirimo (BCP):** gahunda y'ibikorwa yuzuye kandi yanditse igaragaza uburyo bukoreshwa kugira ngo ibikorwa by'ikigo kigenzurwa bikomeze cyangwa byongere gukora mu gihe habayeho ihungabana kandi ikanashyiraho inzira n'uburyo bikenewe kugira ngo bikorwe;	4º **business continuity plan (BCP):** a comprehensive and documented plan of action that sets out procedures and establishes the processes and systems necessary to continue and/or restore the operations of a regulated institution in the event of a disruption;	4° **plan de continuité des activités (BCP):** un plan d'action complet et documenté qui définit les procédures et établit les procédés et systèmes nécessaires pour poursuivre ou rétablir le fonctionnement d'une organisation en cas de perturbation ;
5º **ikomeza ry'imirimo:** ubushobozi bw'ikigo kigenzurwa bwo gukomeza imirimo y'ingenzi ku rugero runaka rwateganyijwe mu gihe habaye ikibazo kiyikoma mu nkokora;	5º **business continuity:** the capability of a regulated institution to continue delivering its critical activities to pre-defined levels during a disruptive incident;	5° **continuité des activités:** la capacité d'une institution réglementée à continuer à exercer ses activités critiques à des niveaux prédéfinis lors d'un incident perturbateur ;
6º **isesengura ry'ingaruka ku mirimo (BIA):** uburyo bwo kugaragaza no gupima (mu ngano no mu ireme) imirimo na serivisi by'ingenzi, ubushobozi bw'ingenzi bw'imbere mu kigo n'ubuva hanze n'urugero rw'ubudahungabanywa	6º **business impact analysis (BIA):** the process of identifying and measuring (quantitatively and qualitatively) critical operations and services, key internal and external dependencies and appropriate resilience levels. It	6° **analyse d'impact sur les activités (BIA):** le processus d'identification et d'évaluation (quantitativement et qualitativement) des opérations et services clés, des principales dépendances internes et externes et des niveaux de résilience

bukwiye. Hasuzumwa ingorane n'ingaruka zishobora kuba zitewe n'ihagarika ry'imirimo mu buryo butandukanye hashingiwe ku byakwangirika mu kigo kigenzurwa ku rwego rw'imari, rw'amabwiriza n'amategeko ndetse n'isura by'ikigo ;	assesses the risks and potential impact of various disruption scenarios on a regulated institution financial, regulatory, legal and reputational damage basis;	appropriés. Elle évalue les risques et l'impact potentiel de divers scénarios de perturbation sur le plan des dommages financiers, réglementaires, légaux et sur le plan des dommages liés à la réputation d'une institution réglementée;
7º **itsinda rishinzwe imicungire y'amage:** itsinda rigizwe n'abayobozi bakuru ba ngombwa, abafatanyabikorwa b'ingenzi (ni ukuvuga uhagarariye itangazamakuru, umujyanama mu mategeko, ushinzwe ibikoresho, umuhuzabikorwa mu bikorwa byo gutabara n'abandi) n'abashinzwe imirimo y'ingenzi y'ikigo bashinzwe ibikorwa byo kuzahura imirimo mu gihe cy'amage;	7º **crisis management team:** a team consisting of key executives, key role players (i.e., media representative, legal counsel, facilities manager, disaster recovery coordinator, etc.), and the appropriate business owners of critical functions who are responsible for recovery operations during a crisis;	7° **équipe de gestion de crise:** une équipe composée des principaux dirigeants, des acteurs clés (c'est-à-dire représentants des médias, conseillers juridiques, gestionnaires des installations, coordinateur de la reprise des activités après désastre , etc), et les propriétaires réels des fonctions clés de l'organisation qui sont responsables de la reprise des opérations au cours d'une crise ;
8º **amage:** ikintu cyose cyabaho bikagira ingaruka ku mirimo, ku bakozi, ku gaciro k'abanyamigabane, k'abafatanyabikorwa, ku kirango cy'ibicuruzwa, ku isura y'ikigo, ku cyizere cyangwa/ndetse no ku ngamba cyangwa intego by'ikigo kigenzurwa ;	8º **crisis:** an event, occurrence and/or perception that threatens the operations, staff, shareholder value, stakeholders, brand, reputation, trust and/or strategic/business goals of a regulated institution;	8° **crise:** un événement, incident et / ou une perception qui menace les opérations, le personnel, la valeur des actionnaires, les parties prenantes , la marque, la réputation, la confiance et/ ou les objectifs stratégiques/commerciaux d'une institution réglementée;
9º **ibikorwa by'ingenzi:** imirimo,	9º **critical business operations:** the	9° **opérations des activités**

ibikoresho n'ibikorwaremezo bishobora, mu gihe bihagaritswe, kugira ingaruka ikomeye ku mirimo y'ikigo kigenzurwa, isura yacyo, inyungu zacyo, abakibitsamo cyangwa abishingiwe n"abandi bafatanyabikorwa;	business functions, resources and infrastructure that may, if disrupted, have a material impact on a regulated institution's business functions, reputation, profitability, depositors and/or policyholders and other stakeholders;	**essentielles:** les fonctions commerciales, les ressources et les infrastructures qui, si elles sont perturbées, peuvent avoir un impact important sur les fonctions commerciales, la réputation, la rentabilité, les déposants et/ou les assurés et les autres les parties prenantes d'une institution réglementée ;
10º **serivisi z'ingenzi:** igikorwa cyose, umurimo, akazi cyangwa serivisi yabura bikagira ingaruka zikomeye ku mikomereze y'imirimo y'ikigo kigenzurwa;	10º **critical services:** any activity, function, process or service, the loss of which would be material to the continued operation of a regulated institution;	10° **services essentiels:** toute activité, fonction, processus ou service dont la perte serait importante pour la continuité des opérations d'une institution réglementée;
11º **ahantu hagenewe isubukurabikorwa mu gihe cy'ibiza:** ahantu hateganyijwe gukoreshwa mu gihe habaye ihagarika rikomeye ry'imirimo ku buryo imirimo y'ikigo kigenzurwa ikomeza	11º **disaster recovery site:** a site held in readiness for use in the event of a major disruption that maintains a regulated institution business continuity;	11° **site de reprise d'activit**és en cas de **désastre:** un site tenu prêt à l'emploi en cas de perturbation majeure qui assure la continuité des activités d'une institution réglementée ;
12º **ikiza:** impanuka ikomeye ibayeho ku buryo butunguranye kandi itateganyijwe igatuma Ikigo kibura ubushobozi bwo gukora imirimo, uburyo na serivisi bya ngombwa mu gihe runaka kitifuzwa igateza igihombo kitifujwe;	12º **disaster:** a sudden, unplanned catastrophic event that compromises an organization´s ability to provide critical functions, processes, or services for some unacceptable period of time, causing unacceptable damage or	12° **désastre :** événement catastrophique soudain et imprévu qui compromet la capacité d'une organisation à fournir les fonctions, procédés ou services essentiels pendant une certaine période de temps inacceptable, causant des

	loss;	dommages ou perte inacceptables;
13º **gahunda y'ingoboka yihutirwa:** ibikorwa bigomba gukorwa nyuma y'uko habaye ikibazo kibangamira imirimo na/cyangwa ubuzima bw'abantu kandi bigomba kuba birimo ibijyanye n'imicungire y'imikoranire n'ababagana n'imikoranire myiza n'abayobozi b'inzego za Leta bireba. Urugero: polisi, abakora muri serivisi yo kurwanya inkongi, serivisi z'ubuzima, n'abayobozi b'inzego z'ibanze ;	13º **emergency procedures:** a set of actions to be taken following an incident which jeopardizes business operations and/ or human life and which should include arrangements for public relations management and for effective liaison with appropriate public authorities e.g. police, fire service, health-care services and local government;	13° **procédures d'urgence :** les actions à entreprendre suite à un incident compromettant les activités et / ou la vie humaine et qui devraient inclure des dispositions pour la gestion des relations publiques et une liaison efficace avec les autorités publiques concernées, par exemple, la police, les services d'incendie, les services de santé et les autorités locales ;
14º **itsindary'imbangukiragutabara:** ikigo icyo ari cyo cyose gishinzwe gutabara rubanda mu gihe habayeho ibiza (nk'ishami rirwanya inkongi, serivisi za polisi, ibitaro);	14º **emergency response team:** any organization that is responsible for responding to hazards to the general population (e.g. fire brigades, police services, hospitals);	14° **équipe d'intervention d'urgence:** tout organisme chargé de répondre aux dangers pour la population en général (par exemple les pompiers, les services de police, les hôpitaux);
15º **imyitozo:** uburyo bwo gusuzuma no kwitoza gahunda z'ikomeza ry'imirimo bikorewe ahantu hagenzurwa hakoreshejwe abagize itsinda n'abakozi;	15º **exercising:** the process through which business continuity plans are tested, rehearsed in a controlled environment using team members and staff;	15° **exercice**: le processus par lequel les plans de continuité des activités sont testés, répétés dans un environnement contrôlé en utilisant les membres de l'équipe et le personnel;
16º **Iyangirizwa :** kutanyurwa guterwa na serivisi mbi ikigo kigenzurwa giha abakigana cyangwa, ku	16º **harm:** dissatisfaction caused by poor service of a regulated institution to customers or, on the	16° **dommage:** insatisfaction causée par le mauvais service d'une institution réglementée aux clients ou, du côté

ruhande rw'abitabira isoko, ingorane ziterwa n'ihagarika rikomeye ry'imirimo bigatuma urwego rw'imari rudakora neza bikaba byanatuma abantu batera icyizere isoko ndetse bikaba byanatera ihungabana rikomeye ry'imirimo yarwo;	side of market participants, risks that major operational disruptions pose to the smooth operating of financial markets and the potential threat to market confidence that can result from a substantial disruption;	des participants au marché, risques que les perturbations opérationnelles majeures posent au bon fonctionnement des marchés financiers et menace potentielle pour la confiance du marché qui peut résulter d'une perturbation grave ;
17º **kwihanganira ingaruka:** ubushobozi bw'ikigo bwo kwihanganira ihagarika ry'imirimo, hateganyijwe ko ihagarika rya serivisi runaka rishobora kubaho;	17º **impact tolerances:** institution's tolerance for disruption, under the assumption that disruption to a particular business service may occur;	17° **seuil maximum de perturbation :** tolérance de l'institution à l'égard des perturbations, au cas où un service commercial particulier serait perturbé;
18º **imicungire y'ikibazo:** uburyo bwo kumenya ikibazo, kugisesengura, kugikosora no kucyigiraho ndetse no kwirinda ko cyongera kubaho cyangwa kugabanya ubukana bwacyo;	18º **incident management:** the process of identifying, analysing, rectifying and learning from an incident and preventing recurrences or mitigating the severity thereof;	18° **gestion des incidents :** processus consistant à identifier, analyser, rectifier et tirer les leçons d'un incident et à en prévenir la répétition ou en atténuer la gravité ;
19º **ikibazo:** ibintu biriho cyangwa byabayeho bihagarika imirimo ku buryo bifite cyangwa byagize ingaruka mbi ku mirimo n'ibikorwa by'ingenzi y'ikigo kigenzurwa cyangwa bigatuma abakiriya batagerwaho na serivisi uko byari biteganyijwe;	19º **incident:** current or past disruptive event the occurrence of which would negatively affect or had negatively effected critical operations or services of a regulated institution or an expected level of service delivery to customer;	19° **incident:** événements perturbateurs actuels ou passés dont la survenance affecterait négativement ou avait affecté les opérations ou services essentielles d'une institution réglementée oula prestation de services au client comme anticipé;

20º **ihagarika rikomeye ry'imirimo:** ihagarikwa ry'imirimo isanzwe y'ikigo rifite ingaruka zikomeye ku hantu hagari ndetse n'ahahakikije n'abahaturiye kandi imibereho yabo mu bukungu ari ho ishingiye;	20º **major operational disruption:** a high impact disruption of normal business operations, affecting a large geographic area and adjacent communities that are economically integrated to it;	20° **perturbation opérationnelle majeur:** une perturbation ayant un impact grave sur les opérations commerciales normales, affectant une vaste zone géographique et les communautés adjacentes qui lui sont économiquement intégrées ;
21º **ukudahungabana kw'uburyo bw'imikorere:** ubushobozi bw'ikigo kigenzurwa bwo gukora imirimo y'ingenzi mu gihe hari ihagarika ry'imirimo. Ubu bushobozi bufasha ikigo kigenzurwa kumenya no kwirinda ibyagihungabanya, guhangana n'ihagarika ry'imirimo no kuryitwaramo neza, ndetse no kwikura muri icyo kibazo no kugikuramo amasomo mu rwego rwo kugabanya ingaruka byagira ku itangwa ry' imirimo y'ingenzi mu gihe cy'ihagarika ry'imirimo;	21º **operational resilience:** the ability of a regulated institution to deliver critical operations through disruption. This ability enables a regulated institution to identify and protect itself from threats and potential failures, respond and adapt to, as well as recover and learn from disruptive events in order to minimize their impact on the delivery of critical operations through disruption;	21° **résilience opérationnelle :** capacité d'une institution réglementée à mener à bien les opérations essentielles en cas de perturbation. Cette capacité permet à une institution réglementée d'identifier et de se protéger contre les menaces et les défaillances potentielles, de réagir et de s'adapter aux événements perturbateurs, ainsi que de s'en remettre et d'en tirer des enseignements afin de minimiser leur impact sur la réalisation des opérations essentielles par le biais de perturbations ;
22º **icyateza ingorane zerekeye imikorere:** ikintu cyateza igihombo biturutse ku mikorere y'imbere idahwitse cyangwa mibi, ku bantu n'uburyo cyangwa ku mpamvu ziturutse hanze;	22º **operational risk:** the risk of loss from inadequate or failed internal processes, people and systems or from external events;	22° **risque opérationnel:** le risque de perte provenant des processus internes inadéquats ou défaillants, de personnes et systèmes ou provenant d'événements extérieurs;
23º **kwimura amakuru ku gihe:** uburyo bwo gukura amakuru	23º **real-time data replication:** instantaneous regeneration and	23° **réplication des données en temps réel:** régénération et récupération

ahantu hagenewe isubukurabikorwa mu gihe cy'ibiza agasubizwa ahakusanyirizwa amakuru mu kigo kigenzurwa nyuma y'ihagarikwa ry'imirimo y'ahakusanyirizwa amakuru mu kigo kigenzurwa;	recovery of data from disaster recovery site to the data centre of a regulated institution after a disruption in the data centre of a regulated institution;	instantanées des données du site de reprise d'activités en cas de désastre vers le centre de données d'une institution réglementée après une perturbation dans le centre de données d'une institution réglementée ;
24º **intego y'isubukurabikorwa:** intego igaragazwa mbere kugira ngo imirimo runaka ndetse n'ibikoresho byayo bisubukurwe ku rwego runaka (urwego rw'isubukurabikorwa) mu gihe runaka nyuma y'ihagarikwa (igihe cy'isubukurabikorwa);	24º **recovery objective:** a predefined goal for recovering specific business operations and supporting systems to a specified level of service (recovery level) within a defined period following a disruption (recovery time);	24° **objectif de la reprise d'activité**s**:** un objectif prédéterminé de récupération des activités commerciales spécifiques et les systèmes d'appui y relatifs à un niveau de service fixé (niveau de reprise) pendant une période définie après une interruption (temps de reprise);
25º **intego y'igihe cy'isubukura bikorwa:** igaragaza igihe runaka amakuru agomba kuba yongeye kuboneka kugira ngo ba nyir'ibikorwa bakoresha ayo makuru bashobore kuyemera. Ibi bifatwa nk'igihe kiri hagati y'igihe amakuru ya nyuma yabikiwe n'igihe ihagarikabikorwa ryashoboraga kubaho. Intego y'igihe cy'isubukurabikorwa ishyirwaho hashingiwe ku kureba igihe cyakwihanganirwa cyo kubura amakuru cyangwa igihe yongeye kubonekera;	25º **recovery point objective (RPO):** a point in time to which data must be restored in order to be acceptable to the owner of the processes supported by that data. This is often thought of as the time between the last available backup and the time a disruption could potentially occur. The RPO is established based on tolerance for loss of data or re-entering of data;	25° **Objectif de point de reprise d'activité**s**:** un point dans le temps auquel les données doivent être restaurées afin d'être acceptables par le propriétaire des processus qui utilise ces données. Il est souvent considéré comme la période entre la dernière sauvegarde disponible et le moment où une rupture éventuelle pourrait se produire. L'objectif de point de reprise d'activités est établi en fonction de la tolérance de perte de données ou de la réinsertion de données;

26º **intego y'igihe cy'isubukurabikorwa:** igihe gisabwa kugira ngo imirimo runaka isubukurwe. Icyo gihe kigizwe n'ibice bibiri: igihe cyo gushyira mu bikorwa gahunda y'ikomeza ry'imirimo n'igihe cyo gusubukura imirimo;	26º **recovery time objective (RTO):** the duration of time required to resume a specified business operation. It has two components, the duration of time from activation of the business continuity plan and the recovery of business operations;	26° **durée maximale d'interruption admissible (RTO):** la durée de temps nécessaire pour reprendre une activité déterminée. Il a deux composantes : la durée du temps d'activation du plan de continuité des activités et la reprise des activités;
27º **isubukurabikorwa:** kongera kubaka ibikorwa by'imirimo runaka kugeza ku gipimo gihagije nyuma y'ihagarikwa ryayo ku buryo ikigo gishobora kurangiza inshingano zacyo zitararangizwa;	27º **recovery:** the rebuilding of a specific business operation following a disruption to a level sufficient to meet outstanding business obligations;	27° **Reprise d'activité**s**:** le rétablissement à un niveau suffisant d'une activité spécifique suite à une interruption pour remplir les obligations d'affaires inexécutées;
28º **ahantu hamwe honyine hatuma imirimo ihagarara:** ahantu hamwe hatanga serivisi, igikorwa ndetse/cyangwa hakorerwa imirimo hadashobora gusimburwa kandi mu gihe hatariho bigatuma akazi runaka ka ngombwa gapfa.	28º **single point of failure:** a unique source of a service, activity, and/or process where, there is no alternative and whose loss could lead to the failure of a critical function.	28° **point de défaillance unique:** une source unique d'un service, d'une activité et/ou d'un processus qui n'a aucune alternative et dont la perte pourrait conduire à l'échec d'une fonction essentielle.
Ingingo ya 4: Imikorere myiza y'ikigo kigenzurwa	**Article 4: Viability of regulated institution**	**Article 4 : Viabilité de l'institution réglementée**
Ikigo kigenzurwa kigomba gukora imirimo n'ubucuruzi byacyo mu buryo burambye, bwizewe kandi butuma butajegajega.	A regulated institution shall run its operations and business in a sustainable, safe and sound manner.	Une institution réglementée doit mener ses opérations et activités commerciales d'une manière durable, sûre et saine.
Kubera ibivugwa mu gika kibanziriza iki, ikigo kigenzurwa kigomba kurinda no	For the purpose of preceding paragraph, a regulated institution shall maintain and	Aux fins de l'alinéa précédent, une institution réglementée doit maintenir et

kongera ukudahungabana kw'uburyo bw'imikorere bwacyo, cyane cyane kugira ngo gihangane n'ibyateza ingorane zivuka muri iki gihe zirimo umutekano w'urusobe rwa mudasobwa.	raise its operational resilience, particularly in response to emerging risks including cyber security.	renforcer sa résilience opérationnelle, en particulier pour répondre aux risques émergents y compris la cybersécurité.
<u>Ingingo ya 5</u>: Kwangiriza abaguzi n'abagira uruhare mu masoko y'ikigo kigenzurwa	**<u>Article 5</u>: Harm to consumers and market players of regulated institution**	**<u>Article 5</u> : Dommage aux consommateurs et aux acteurs du marché d'une institution réglementée.**
Ikigo kigenzurwa kigomba kugabanya uko bishoboka kose ukwangirizwa kw'abaguzi no kwangirizwa cyo ubwacyo kwatewe n'ihagarika rikomeye ry'imirimo.	A regulated institution shall minimize harm both to consumers and to itself caused by major operational disruption.	Une institution réglementée doit réduire au minimum le dommage causé tant aux consommateurs qu'à elle-même par une perturbation opérationnelle majeure.
Ukubangamirwa ku bigo bigenzurwa n'abandi bagira uruhare mu masoko guterwa n'ihagarikwa rikomeye ry'imirimo harimo:	Harm to regulated institutions and other market participants may rise from major operational disruption and includes:	Le dommage causé aux institutions réglementées et aux autres acteurs du marché peut découler de la perturbation opérationnelle majeur et comprend :
1º kudakora kwa serivisi zihuriweho cyangwa igikorwaremezo cy'isoko risangiwe;	1° the failure of a shared facility or market infrastructure;	1º la défaillance d'une facilité ou d'une infrastructure de marché partagée ;
2º kugera ku makuru y'ibanga mu buryo butagenzuwe no kuyakoresha nabi;	2° uncontrolled access to and misuse of market sensitive data;	2º l'accès non contrôlé à des données sensibles du marché et leur utilisation abusive ;
3º kudashobora kubona amakuru y'isoko mu kugena ibiciro ;	3° the inability to access market data for pricing; and	3º l'impossibilité d'accéder aux données du marché pour la tarification ; et

4º kudashobora gutanga serivisi za nyuma yo kugurisha.	4° the inability to complete post-sale activity.	4º l'impossibilité de terminer les activités qui suivent la vente.
Mu byangiriza abaguzi harimo guhungabana:	Harm to consumers includes disruption to:	Le dommage aux consommateurs comprend la perturbation à:
1º muri serivisi z'ubucuruzi zisanzwe zihari;	1° ongoing availability of existing business services;	1° la disponibilité des services commerciaux existants;
2º muri serivisi nshya z'ubucuruzi;	2° supply of new business services;	2° la fourniture de nouveaux services commerciaux;
3º mu bikorwa bituma igicuruzwa kiboneka;	3° availability of a vital link in a value chain;	3° la disponibilité d'un lien vital dans une chaîne de valeur ;
4º kw'umutekano w'amakuru y'ibanga arebana n'isoko.	4° the security of market sensitive data.	4° la sécurité des données sensibles du marché.
UMUTWE WA II: IMICUNGIRE Y'IKOMEZA RY'IMIRIMO	**CHAPTER II: BUSINESS CONTINUITY MANAGEMENT**	**CHAPITRE II : GESTION DE LA CONTINUITÉ DES ACTIVITÉS**
Icyiciro cya mbere: Imiterere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Section One: Business continuity management framework**	**Section première : Cadre de gestion de la continuité des activités**
Ingingo ya 6: Inshingano yo kugira imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**Article 6: Obligation to have a business continuity management**	**Article 6: Obligation de disposer d'une gestion de la continuité des activités**
Ikigo kigenzurwa kigomba buri gihe kugira uburyo buhamye bwo gucunga ikomeza ry'imirimo.	A regulated institution shall have a strong business continuity management at all time.	Une institution réglementée doit en tout temps disposer d'une gestion de la continuité des activités solide.
Hashingiwe ku bivugwa mu gika kibanziriza iki cy'iyi ngingo, Inama	For the purpose of Paragraph One of this Article, the board of directors of a	Aux fins de l'alinéa premier du présent article, le conseil d'administration d'une

y'ubutegetsi y'ikigo kigenzurwa igomba:	regulated institution shall:	institution réglementée doit :
1º kwemeza imicungire y'ikomeza ry'imirimo;	1° approve a business continuity management;	1º approuver la gestion de la continuité des activités ;
2º gutegura gahunda y'ikomeza ry'imirimo ishyira imbere imirimo y'ibanze, igena abakozi ndetse n'ibikenerwa bihagije, ikora igenzura, yemeza gahunda yo gukomeza imirimo, isesengura ibyavuye mu masuzuma kandi ireba iyubahirizwa rya gahunda iriho;	2° perform business continuity planning prioritizing critical business functions, allocating sufficient resources and personnel, providing oversight, approving the business continuity plan, reviewing test results and ensuring maintenance of the current plan;	2º faire la planification de la continuité des activités en donnant priorité aux fonctions essentielles, en affectant des ressources et le personnel suffisants, en assurant la supervision, en approuvant le plan de continuité des activités, en évaluant des résultats des tests et en s'assurant du maintien du régime actuel ;
3º gushyiraho itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo aho ihitamo ry'abarize rigomba gushingira ku miterere y'imirimo, ingano, urusobe by'ikigo kigenzurwa, ndetse n'aho giherereye;	3° to put in place business continuity team whose members' selection should consider the nature of business activities, size, complexity, and geographical location of a regulated institution;	3º mettre en place une équipe chargée de la continuité des activités dont la sélection des membres est subordonnée à la nature des activités, la taille, la complexité et la localisation géographique d'une institution règlementée ;
4º kugaragaza neza uruhare n'inshingano za buri muntu uri mu itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo;	4° clearly define the roles and responsibilities for each person involved in business continuity management team;	4º définir clairement les rôles et responsabilités de chaque personne impliquée dans l'équipe de gestion de la continuité des activités ;
5º gushyiraho itsinda rishinzwe imicungire y'amage;	5° establish a crisis management team;	5º mettre en place une équipe de gestion de crise ;
6º kugaragaza ibikorwa byihutirwa	6° re-prioritize and re-allocate	6º redéfinir les priorités et réaffecter

kurusha ibindi no kongera kubigenera ibikenewe hagamijwe kwihutisha isubukurabikorwa;	resources in order to expedite recovery;	les ressources afin d'accélérer la reprise d'activités;
7º kwishingira no kubazwa ibice bimwe by'umurimo byerekeye ikomeza ry'imirimo bihabwa abandi bantu , mu gihe ikigo kigenzurwa gihisemo kubikora;	7° to be responsible and accountable for outsourced portions of the business continuity function, if a regulated institution opts to do so;	7º être responsable et rendre compte des parties de la fonction de continuité des activités externalisées, si une institution réglementée choisit de le faire ;
8º kugaragaza, gusuzuma no gucunga ibyateza ingorane bishingiye ku gukomeza imirimo kugira ngo ikigo kimenye neza ko gishobora gusohoza inshingano zerekeye imari na serivisi gifitiye abakibitsamo, abafatabwishingizi n'abandi kibereyemo umwenda;	8° identify, assess and manage potential business continuity risks to ensure that it is able to meet its financial and service obligations to its depositors, policyholders and other creditors;	8º identifier, évaluer et gérer les risques potentiels de continuité des activités afin de s'assurer qu'elle est en mesure de remplir ses obligations financières et de service envers ses déposants, ses assurés et ses autres créanciers ;
9º gufata ibyateza ingorane ikomeza ry'imirimo n'igenzura ryaryo nk'ibigize uburyo rusange bwo gucunga ibyateza ingorane no kwemeza politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo;	9° consider business continuity risks and controls as part of its overall risk management systems and approve a business continuity management policy;	9º considérer les risques et les contrôles de continuité des activités comme faisant partie de son cadre global de gestion des risques et approuver une politique de gestion de la continuité des activités ;
10º guhuza n'igihe politiki yo gucunga ikomeza ry'imirimo igaragaza intego zayo n'uburyo ikoresha ku birebana n'imicungire y'ikomeza ry'imirimo;	10° up-date business continuity management policy that sets out its objectives and approach in relation to business continuity management;	10º actualiser la politique de gestion de la continuité des activités qui définit ses objectifs et son approche en matière de gestion de la continuité des activités ;
11º gukurikirana ko ibyateza ingorane	11° ensure that the institution's	11º veiller à ce que les risques et les

mu ikomeza ry'imirimo y'ikigo n'igenzura ryaryo byitabwaho mu buryo rusange bw'imicungire y'ibyateza ingorane.	business continuity risks and controls are taken into account as part of its overall risk management systems.	contrôles de continuité des activités de l'institution soient pris en compte dans le cadre global de gestion des 12º risques.
Inama y'ubutegetsi y'ikigo kigenzurwa ishinzwe gucunga ikomeza ry'imirimo, haba mu gihe imirimo ikorwa cyangwa idakorwa n'abandi bantu cyangwa mu rwego rw'itsinda ry'amasosiyete.	The board of a regulated institution remains responsible for business continuity management whether or not business operations are outsourced or are part of a corporate group.	Le Conseil d'administration d'une institution réglementée reste responsable de la gestion de la continuité des activités, bien que les opérations commerciales soient externalisées ou pas ou qu'elles fassent partie d'un groupe de sociétés.
Ingingo ya 7: Imicungire y'ikomeza ry'imirimo nka kimwe mu bigize imicungire y'ibyateza ingorane	**Article 7: Business continuity management as part of risk management**	**Article 7: Gestion de la continuité des activités comme partie de la gestion des risques**
Gahunda y'ikomeza ry'imirimo igomba kuba kimwe mu bigize imicungire y'ibyateza ingorane muri rusange mu kigo kigenzurwa kandi ikaba ikubiye mu buryo bw'imikorere yacyo.	Business continuity management shall form an integral part of the overall risk management of a regulated institution and shall be embedded in its operations.	La continuité des activités doit faire partie de cadre global de gestion des risques d'une institution réglementée et intégrée dans ses opérations.
Hashingiwe ku bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, inama y'ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru bikora ku buryo:	For the purpose of Paragraph One of this Article, the board of directors and senior management shall ensure that:	Aux fins de l'alinéa premier du présent article, le conseil d'administration et la direction s'assurent que:
1° abakozi bahugurwa kandi bamenyeshwa uruhare rwabo mu gushyira mu bikorwa gahunda y'ikomeza ry'imirimo;	1° employees are trained and made aware of their roles in the implementation of the business continuity plan;	1° les employés sont formés et conscients de leurs rôles dans l'exécution du plan de continuité des activités;
2° ibikenewe mu birebana n'abakozi	2° sufficient human and financial	2° des ressources humaines et

n'imari biboneka mu gushyigikira imicungire y'ikomeza ry'imirimo; na	resources are made available to provide support for business continuity management; and	financières suffisantes sont disponibles pour fournir un soutien à la gestion de continuité des activités; et
3° gahunda z'ikomeza ry'imirimo zita ku bijyanye n'ibikorwa na tekiniki ariko ko zinita ku bijyanye no kurinda ubuzima bw'abantu.	3° the business continuity plans not only consider the business process and technical aspects, but also recognize the protection of human life.	3° les plans de continuité tiennent compte non seulement des processus d'activités et des aspects techniques, mais aussi reconnaissent la protection de la vie humaine.
Ingingo ya 8: Ibigize imicungire yikomeza ry'imirimo	**Article 8: Elements of a business continuity management**	**Article 8: Éléments de gestion de la continuité des activités**
Imicungire y'ikomeza ry'imirimo y'ikigo kigenzurwa ikubiyemo nibura:	A business continuity management of a regulated institution shall, at a minimum, include:	La gestion de la continuité des activités d'une institution réglementée comprend au minimum :
1° politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo;	1° a business continuity management policy;	1° une politique de gestion de la continuité des activités ;
2° inyigo y'ingaruka ku mirimo;	2° a business impact analysis;	2° une analyse d'impact sur les activités;
3° intego n'ingamba z'isubukurabikorwa;	3° recovery objectives and strategies;	3° objectifs et stratégies de reprise d'activités ;
4° gahunda y'ikomeza ry'imirimo;	4° a business continuity plan;	4° un plan de continuité des activités ;
5° gahunda zo:	5° programs for:	5° des programmes pour :
a. gusuzuma no kugerageza gahunda	a. review and testing of the	a. réexamen et le test du plan

y'ikomeza ry'imirimo; b. guhugura no gukangurira abakozi ibirebana n'imicungire y'ikomeza ry'imirimo.	business continuity plan b. training and ensuring awareness of staff in relation to business continuity management.	de continuité des activités ; b. la formation et la sensibilisation du personnel en matière de gestion de la continuité des activités.
<u>Ingingo ya 9</u>: Politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**<u>Article 9</u>: The business continuity management policy**	**<u>Article 9</u>: Politique de gestion de la continuité des activités**
Politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo igomba kujyana n'imiterere, ingano n'urusobe by'ibikorwa by'ikigo kigenzurwa.	The business continuity management policy shall be commensurate with the nature, size and complexity of a regulated institution's operations.	La politique de gestion de la continuité des activités doit être adaptée à la nature, à la taille et à la complexité des activités de l'institution réglementée.
Politiki y'ikomeza ry'imirimo igomba kwemezwa n'inama y'ubutegetsi ikanavugururwa igihe cyose bibaye ngombwa.	The business continuity policy must be approved and validated by the Board of directors of a regulated institution and shall be reviewed when situation so requires.	La politique de continuité des activités doit être approuvée et validée par le conseil d'administration et doit être revue lorsque la situation l'exige.
Ubuyobozi bukuru n'abakuru b'imirimo y'ingenzi bagomba kugira uruhare rugaragara mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo.	The senior management and the heads of business line shall be strongly involved in the implementation of the business continuity management policy.	La direction et les responsables d'unités opérationnelles doivent être fortement impliqués dans la mise en œuvre de la politique de gestion de la continuité des activités.
Urwego rw'umurimo rucunga ibyateza ingorane, n'urushinzwe iyubahirizwa zigomba kugira uruhare mu gushyiraho politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo kandi urwego rw'ubugenzuzi bw'imbere mu kigo rukagira inshingano zo guhora ruyigenzura.	The risk management function and the compliance function shall be committed to the design of the business continuity management policy and the internal audit function must be involved in its regular audit.	La fonction de gestion des risques et la fonction de conformité doivent s'engager dans la conception de la politique de gestion de la continuité des activités et la fonction d'audit interne doit être impliquée dans son audit régulier.

Mu gusuzuma politiki yacyo y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo, ikigo kigenzurwa kigomba kureba ko ingamba gishobora gufata igihe izindi zinaniwe cyangwa zidakora neza zijyanye n'uburyo bw'imikorere bwacyo, ibyateza ingorane, imbaraga ikigo kigenzurwa gifite zo guhangana n'ibyakiburabuza zikitezweho n'ibikorwa byihutirwa mu gusubukura imirimo	In reviewing its business continuity management policy, a regulated institution shall ensure that contingency strategies remain consistent with current operations, risks, threats, resiliency expectations and recovery priorities.	Lors de la révision de sa politique de gestion de la continuité des activités, une institution réglementée doit veiller à ce que les stratégies de contingence demeurent cohérentes aux opérations, risques, menaces, attentes en matière de résilience et priorités de reprise d'activités.
Politiki y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo igomba gusobanura neza uruhare, inshingano ndetse n'abakozi bashinzwe kugira icyo bakora mu rwego rw'imicungire y'ikomeza ry'imirimo.	The business continuity management policy shall clearly state the roles, responsibilities and authorities to act in relation to the business continuity management.	La politique de gestion de la continuité des activités doit définir clairement les rôles, les responsabilités et les autorités chargées d'agir dans le cadre de la gestion de la continuité des activités.
<u>Ingingo ya 10</u>: Itsinda rishinzwe imicungire y'ikomeza ry'imirimo	**<u>Article 10</u>: Business continuity management team**	**<u>Article 10</u>: Équipe de gestion de la continuité des activités**
Ikigo kigenzurwa kigomba kugira itsinda rishinzwe imicungire y'ikomeza ry'imirimo rigizwe nibura n'aba bakurikira: 1° umuhuzabikorwa (uturuka mu buyobozi bukuru); 2° umukozi ushinzwe gucunga ibyateza ingorane; 3° abakuriye inzego z'imirimo;	A regulated institution shall have a business continuity management team that shall be comprised of at least: 1° coordinator (drawn from the senior management); 2° risk management officer; 3° functional department	Une institution réglementée doit disposer d'une équipe de gestion de la continuité des activités comprenant au moins : 1° un coordinateur (provenant de la direction); 2° un responsable de la gestion des risques; 3° les chefs de départements.

	heads	
<u>Ingingo ya 11</u>: Itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo	**<u>Article 11</u>: Responsibilities of business continuity management team**	**<u>Article 11</u>: Responsabilités de l'équipe de gestion de la continuité des activités**
Inshingano z'ibanze z'itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo zirimo izi zikurikira:	The major responsibilities of the business continuity team include the following:	Les principales responsabilités de l'équipe de continuité des activités sont les suivantes:
1° gushyiraho gahunda y'ikomeza ry'imirimo yemezwa n'inama y'ubutegetsi, ishingiye ku nzego eshanu (5) zikurikira zigaragaza imigendekere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo:	1° to develop a business continuity plan, for board approval, along the following five (5) levels which reflect the business continuity management life cycle:	1° élaborer un plan de gestion de la continuité des activités pour approbation par le conseil d'administration, selon les cinq (5) niveaux suivants qui reflètent le cycle de vie de la gestion de la continuité des activités:
a. **urwego rw'ingamba:** gusuzuma imiterere y'inzego z'imirimo hitawe ku bafatanyabikorwa b'ingenzi, ibisabwa mu rwego rw'amategeko n'amabwiriza yerekeranye n'ikomeza ry'imirimo;	a. **strategic level:** examine the organizational framework taking note of the key business stakeholders, legislative and regulatory requirements in relation to business continuity;	a. **au niveau stratégique:** examiner le cadre organisationnel en tenant en considération les parties prenantes clés, des exigences législatives et réglementaires en rapport avec la continuité des activités ;
b. **urwego rw'ibikorwa by'ikigo:** gutegura ingamba zo gusubukura ibikorwa n'uburyo bw'imikorere;	b. **process level:** develop resumption strategies for business processes and activities;	b. **au niveau des processus opérationnels:** élaborer des stratégies de reprise d'activités pour les processus opérationnels et les activités;
c. **abantu n'ibikoresho bikenerwa kugira ngo imirimo ikomeze:**	c. **resource recovery:** ensure the deployment of appropriate	c. **ressources de reprise d'activités:** assurer le

kureba ko ibikoresho byose byatanzwe uko bikwiye ku buryo butuma imirimo ikomeza mu nzira zose z'ibikorwa;	resources to ensure appropriate continuity across all business processes and activities;	déploiement des ressources appropriées pour assurer une continuité appropriée dans tous les processus opérationnels et les activités;
d. **ubukangurambaga no kwigisha:** gushyiraho umuco werekeye ikomeza ry'imirimo binyuze mu isuzuma rya gahunda z'ubukangurambaga ku ikomeza ry'imirimo. Kumenya ko abayobozi b'imicungire y'ikomeza ry'imirimo babihuguwemo n'umuntu ubifitemo ubushobozi n'uburambe;	d. **awareness and education:** develop a business continuity culture through assessment of business continuity awareness campaigns. Ensure that the business continuity management managers are trained by an experienced business continuity management trainer;	d. **sensibilisation et éducation:** développer une culture de la continuité des activités à travers l'évaluation des campagnes de sensibilisation sur la continuité des activités. S'assurer que les responsables de la gestion de la continuité des activités sont formés par un formateur expérimenté;
e. **gusuzuma, kwita ku bikoresho, gupima no kugenzura:** kumenya ko gahunda y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo y'Ikigo yizewe binyuze mu gukora igenzura n'isuzuma ku buryo bwigenga.	e. **testing, maintenance, measurement and audit**: Ensure reliability of the business continuity plan of an organization through independent review and testing.	e. **test, entretien, mesure et audit:** s'assurer de la fiabilité du plan de continuité des activités d'une organisation à travers une vérification et un test menés de façon indépendante.
2° kumenya ko ibipimo ari nyabyo hakoreshejwe amafishi bigakorwa buri mwaka.;	2° to ensure appropriate measurements through scorecards are done on an annual basis;	2° s'assurer que des mesures appropriées par le biais des tableaux de bord de gestion sont faits annuellement ;
3° gukurikirana ko ibipimo by'ubushobozi bw'isubukurabikorwa bitangwa;	3° ensure a recovery capability measurement is offered;	3° s'assurer qu'une mesure de capacité de reprise d'activités est offerte;

4° gukurikirana ko gahunda y'ikomeza ry'imirimo ishyirwa mu bikorwa hakorwa buri mwaka: a. isesengura ry'ingaruka ku mirimo ; b. isesengura ry'ibyateza ingorane ikigo cyose; c. imicungire y'ibyateza ingorane n'ikurikirana ryabyo kugira ngo hamenyekane ibikorwa bya ngombwa n'ibibazo bikomeye bishobora kubaho bigahagarika imirimo.	4° ensure the implementation of the business continuity plan by annually conducting: a. a business impact analysis ; b. an enterprise – wide risk assessment; and c. a risk management and risk monitoring to identify the critical activities and potential major disruptions.	4° s'assurer de la mise en exécution du plan de continuité des activités en procédant périodiquement à: a. l'analyse de l'impact sur les activités ; b. l'évaluation des risques à l'échelle de l'entreprise ; c. la gestion des risques et le suivi des risques pour identifier les activités essentielles et les perturbations majeures éventuelles.
<u>Article 12</u>: Imiterere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo Itsinda rishinzwe ikomeza ry'imirimo rigomba guha ku buryo buhoraho inama y'ubutegetsi n'ubuyobozi bukuru raporo ku miterere y'imicungire y'ikomeza ry'imirimo igaragaza ahagaragaye ibyuho. Ibi bikorwa muri raporo ku ishyirwa mu bikorwa, raporo ku mbogamizi, ibyagaragajwe n'isuzuma ndetse na gahunda zirebana na byo kugira ngo gahunda y'ikomeza ry'imirimo yongererwe ingufu.	**<u>Article 12</u>: Status of business continuity management** The business continuity team shall submit a report on the status of business continuity management to the board and senior management on a regular basis, highlighting where gaps are identified. This is through implementation status reports, incident reports, testing results and related plans for strengthening the business continuity plan.	**<u>Article 12</u>: État de la gestion de la continuité des activités** L'équipe chargée de la continuité des activités doit transmettre régulièrement le rapport sur l'état de la gestion de la continuité des activités au Conseil d'administration et à la direction tout en soulignant des lacunes identifiées. Ceci se fait à travers de rapports d'état d'exécution, des rapports d'incident, des résultats des tests et les plans connexes pour le renforcement du plan de continuité des activités.

Impinduka muri gahunda y'ikomeza ry'imirimo zigomba gukurikiza uburyo ikigo kigenzurwa gisanzwe gikoresha mu gucunga impinduka ku birebana na politiki n'imikorere biri mu nyandiko zacyo. Ubu buryo bwo kugenzura impinduka bugomba kugaragaza ko gahunda zahujwe n'igihe zatanzwe kandi zinonosorwa binyuze mu mavugurura ahoraho akorwa kuri gahunda yose.	Changes in the business continuity plan shall follow a regulated institution's formal change management process in place for its policy or procedure documents. This formal change control process shall ensure that the updated plans are distributed and reinforced by regular reviews of the complete plan.	Les changements au plan de continuité d'activités doivent suivre le processus formel en place de gestion du changement de l'institution réglementée pour ses documents de politiques ou de procédures. Ce processus formel de contrôle des changements doit s'assurer que les plans mis à jour sont distribués et renforcés par des examens réguliers du plan complet.
ICYICIRO CYA II: ISESENGURA RY'INGARUKA KU MIRIMO	**SECTION II: BUSINESS IMPACT ANALYSIS**	**SECTION II: ANALYSE DE L'IMPACT SUR LES ACTIVITÉS**
Ingingo ya 13: Intego z'isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**Article 13: Business impact analysis objectives**	**Article 13: Objectifs de l'analyse de l'impact sur les activités**
Isesengura ry'ingaruka ku mirimo, ku byerekeranye n'ikigo kigenzurwa, rigomba nibura:	Business impact analysis shall, in relation to the regulated institution, at least:	L'analyse de l'impact sur les activités doit, en relation avec une institution réglementée, au moins :
1° kumvikanisha intego za ngombwa, ibyihutirwa n'iteganyagihe ryo gusubukura imirimo;	1° provide an understanding of most critical objectives, priority and the timeframes for resumption of business operations;	1° faire comprendre des objectifs les plus essentiels , la priorité et les délais pour la reprise des activités commerciales;
2° kugaragaza amakuru y'ingenzi n'ibikorwaremezo ayo makuru ashingiraho;	2° identify their critical information assets and the infrastructure upon which it depends;	2° identifier leurs informations critiques et les infrastructures dont elle dépend ;
3° guha umwanya w'ibanze umutekano w'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho	3° prioritize cyber security efforts based on the significance of the critical information assets critical	3° donner la priorité aux efforts de cybersécurité en fonction de l'importance d'informations

hakurikijwe agaciro k'umutungo urebana n'amakuru y'ingenzi ku mirimo hubahirizwa ibisabwa byose mu rwego rw'amabwiriza n'amategeko akurikizwa;	operations while observing all legal and regulatory requirements into force;	essentielles pour les activités essentielles tout en respectant toutes les exigences légales et réglementaires en vigueur ;
4° gutanga amakuru akurikira yerekeye ibisabwa mu mitunganyirize y'akazi buri gihe kugira ngo buri mirimo ushobore gukorwa ku buryo bukomeza cyangwa isubukurabikorwa ribe mu gihe cyateganyijwe:	4° provide the following information about resource required over time to enable each business function within the organization achieve continuity or resumption of activity within the established timeframes:	4° fournir les informations suivantes sur les ressources nécessaires au fil du temps pour permettre à chaque unité opérationnelle de l'organisation d'assurer la continuité ou la reprise d'activité dans les délais fixés:
a. umubare w'abakozi n'ubumenyi bwabo bw'ingenzi;	a. staff numbers and key skills;	a. le nombre d'employés et les compétences clés;
b. ikoreshwa ry'amakuru n'urusobe by'amakuru yo mu bwoko bw'ikoranabuhanga;	b. data applications and systems;	b. les applications et systèmes de données;
c. imbogamizi zituma ikigamijwe kigorana kukigeraho;	c. constraints;	c. contraintes;
d. ibikorwa by'ingenzi cyangwa akazi bikeneye kubikwa kugira ngo uburyo bw'imikorere ndetse n'imirimo bikomeze;	d. Mission Critical Activities (MCA's) or tasks that need to be recorded to ensure continuity of the process and business;	d. les activités essentielles ou les tâches qui doivent être enregistrées pour assurer la continuité du processus et des activités;
e. abantu, uburyo bw'imikorere, inzira zikoreshwa, abafatanyabikorwa b'ikigo baba	e. dependencies on people, systems, processes, internal and external parties;	e. dépendances sur des personnes, des systèmes, des processus ainsi que des parties internes et externes;

ab'imbere cyangwa hanze ikigo gikeneye kugirango kibashe gukora;		
f. igihe cy'isubukurabikorwa (RTO) n'intego y'amakuru agomba kugarurwa kugira ngo ibikorwa bisubukurwe cyangwa igikorwa cy'ingenzi (RPO) cyangwa imirimo ikigo gikeneye kubika;	f. Recovery time objective (RTO) and Recovery Point Objective (RPO) for every Mission Critical Activities (MCA) or business that needs to be recorded.	f. objectif de délai de reprise d'activité s (RTO) et objectif de point de reprise d'activités (RPO) pour toutes les activités essentielles (MCA) ou pour l'activité qui doit être enregistrée;
5° kugaragaza isesengura ry'ingaruka z'uburyo koranabuhanga rigaragaza cyane cyane:	5° provide an impact assessment of systems highlighting:	5° évaluer l'impact des systèmes mettant en évidence:
a. aho buherereye;	a. location;	a. l'emplacement;
b. abakuriye abafite ishami ry'akazi;	b. department unit heads;	b. les propriétaires du département ;
c. amakuru ku buryo koranabuhanga;	c. information on IT system;	c. l'information sur le système informatique ;
d. amatariki yo gutangira gukoreshwa;	d. commissioning dates;	d. les dates de mise en service ;
e. umukozi w'umutekinisiye ubishinzwe;	e. technical person responsible;	e. le responsable technique ;
f. intego y'igihe cyo kugarura amakuru, intego y'igihe cy'isubukurabikorwa n'	f. Recovery Time Objective, Recovery Point Objective; and	f. Objectif de délai de reprise d'activités, Objectif de point de reprise d'activités ; et
g. urutonde rw'uburyo bwo guhitamo	g. a list of recovery options for	g. une liste des options de reprise

isubukurabikorwa kuri buri mikorere y'umurimo.	each business process.	d'activités pour chaque processus d'activités.
Isesengura ry'ingaruka ku mirimo rigomba kwemezwa n'amashami y'akazi cyangwa abakuru b'imirimo mu buryo buzwi bagaragaza ko bumvise, bemeye kandi basuzumye ko iryo sesengura ry'ingaruka ku mirimo ari nyaryo.	Business impact analysis shall be signed off by department or functional heads through a formal functional process stipulating that they understand, accept and verified that the business impact assessments are correct.	Les analyses de l'impact sur les activités doivent être signés par les chefs de département ou les chefs de services à travers un processus formel fonctionnel stipulant qu'ils comprennent, acceptent et ont vérifié si les analyses d'impact sur les activités sont correctes.
<u>Ingingo ya 14</u>: Ibikwiye kwitabwaho mu gihe cy'isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**<u>Article 14</u>: Factors to consider in business impact assessment**	**<u>Article 14</u>: Facteurs à prendre en compte dans l'évaluation de l'impact sur les activités**
Mu gihe cyo gusuzuma ingaruka ku mirimo, ikigo kigenzurwa kigomba kwita:	When conducting the business impact assessment, the regulated institution considers:	Lors de l'évaluation de l'impact sur les activités, l'institution réglementée prend en considération :
1° ku buryo butandukanye imirimo ishobora guhagararamo mu bihe bitandukanye;	1° plausible disruption scenarios over varying periods of time;	1° des scénarios de perturbation plausibles sur des périodes variables ;
2° ku gihe ikigo kigenzurwa gishobora kumara kidakora kidafite buri murimo w'ingenzi;	2° the period of time for which the regulated institution could not operate without each of its critical business operations;	2° la période pendant laquelle l'institution réglementée ne pourrait pas fonctionner sans chacune de ses opérations commerciales essentielles;
3° ingaruka z'ihagarara ry'imirimo y'ingenzi ku baguzi n'abandi bafatanyabikorwa mu mirimo y'ikigo kigenzurwa;	3° the impact of disruption to the critical business operations on consumers and other stakeholders	3° les conséquences d'une perturbation des activités essentielles sur les consommateurs

	of a regulated institution's service; and	et autres parties prenantes du service d'une institution réglementée; et
4° n'ingaruka zerekeye imari, amategeko, n'isura y'ikigo ihagarara ry'imirimo y'ikigo kigenzurwa ryagira mu bihe bitandukanye.	4° the financial, legal, regulatory and reputational impact of a disruption to regulated institution's critical business operations over varying periods of time.	4° l'impact financier, juridique, réglementaire et sur la réputation issue de la perturbation dans les opérations commerciales essentielles d'une institution réglementée au cours des périodes de temps variables.
<u>Ingingo ya 15</u>: Uburyo na tekiniki bikoreshwa mu gukora isesengura ry'ingaruka ku mirimo	**<u>Article 15</u>: Methods and techniques for business impact analysis**	**<u>Article 15</u>: Méthodes et techniques pour l'analyses d'impact sur les activités**
Uburyo bukurikira bukomatanyirijwe hamwe, ariko butagarukira ku bukurikira, bukoreshwa mu gukora isesengura ry'ingaruka ku mirimo:	A combination of methods and techniques, not limited to the following are used to carry out business impact analysis:	Une combinaison des méthodes et techniques, ne se limitant pas aux suivantes, est utilisée pour effectuer l'analyse de l'impact sur les activités:
1° urutonde rw'ibibazo;	1° questionnaires;	1° des questionnaires ;
2° kugirana ibiganiro;	2° interviews, and	2° des interviews ; et
3° n'imyiherero y'akazi	3° workshops.	3° des ateliers
Ibivuye mu isesengura ryakozwe hashingiwe ku buryo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishingirwaho mu ishyirwaho rya gahunda y'ikomeza ry'imirimo. Amakuru yose y'ingenzi abikwa kugirango yifashishwe.	The outcome obtained in accordance with business impact analysis carried out in line with a combination of methods and techniques mentioned on paragraph One of this Article provides a basis for the business continuity plan. All relevant information shall be stored for reference.	Le résultat obtenu conformément à l'analyse d'impact sur l'activité réalisée conformément à une combinaison de méthodes et de techniques mentionnées au premier paragraphe du présent article sert de base au plan de continuité des activités. Toutes les informations pertinentes sont

		conservées à titre de référence.
<u>Ingingo ya 16</u>: Isesengura ry'ibyateza ingorane	**<u>Article 16</u>: Risk assessment**	**<u>Article 16</u>: Évaluation des risques**
Isesengura ry'ibyateza ingorane risuzuma imirimo yihutirwa cyane yagaragajwe n'isesengura ry'ingaruka ku mirimo.	A risk assessment examines the most urgent business functions identified during business impact analysis.	Une évaluation des risques examine les fonctions d'activité les plus urgentes identifiées lors de l'analyse de l'impact sur les activités.
Isesengura ry'icyateza ingorane riteganya nibura kugera ku bintu bikurikira:	A risk assessment shall at minimum achieve the following:	Une évaluation des risques atteint, au minimum, les objectifs suivants:
1° kugaragaza ubucucike bw'iby'ibyateza ingorane butakwemerwa n'ahantu hamwe honyine hatuma imirimo ihagarara;	1° identify unacceptable concentrations of risk and single point of failure;	1° identifier des concentrations inacceptables des risques et des points uniques de défaillance;
2° kugaragaza ibishobora guhungabanya bishobora guturuka imbere mu kigo cyangwa hanze byatuma imirimo ihagarara no gusuzuma ikigero cyabo cyo kuba byabaho n'ingaruka byagira;	2° identify internal and external threats that may cause a disruption and assess their probability and impact;	2° identifier les menaces internes et externes qui peuvent causer une perturbation et évaluer leur probabilité et impact;
3° gushyira imbere ibishobora guhungabanya hashingiwe ku miterere y'ikigo;	3° prioritize threats according to the institution;	3° accorder la priorité aux menaces en fonction de l'institution;
4° gutanga amakuru y'uburyo bwo gucunga icyateza ingorane ndetse na gahunda y'ibikorwa yerekeye	4° provide information for a risk control management strategy and an action plan for risks to be	4° fournir des informations pour une stratégie de gestion du contrôle des risques et un plan d'action pour les

ibibazo byateza ingorane byakemurwa;	addressed;	risques à traiter;
5° koroshya ibyateza ingorane hakoreshejwe gahunda yo kubikemura ifite inyandiko ishingiyeho;	5° mitigation of risks through a documented remediation plan;	5° atténuation des risques à travers un plan de remédiation documenté ;
6° ingaruka ku kuzahura ibikorwa by'ingenzi;	6° impact on restoring critical business functions;	6° impact sur le rétablissement des fonctions essentielles de l'entreprise,
Mu buryo na tekiniki bikoreshwa mu gukora inyigo y'ibyateza ingorane hakubiyemo:	The methods and techniques to be used to provide a risk assessment include:	Les méthodes et techniques à utiliser dans l'évaluation du risque comprennent notamment:
1° amakuru ashingiye ku ibarurishamibare;	1° statistics data;	1° les données statistiques;
2° imibare yatangajwe igaragaza inshuro ibiza bibaho;	2° published disaster frequency statistics;	2° les statistiques publiées sur la fréquence des catastrophes;
3° uburyo bwerekeye kugaragaza ibipimo by'ibyago byo guhura n'ingorane, ingaruka zazo, ndetse n'ubushobozi;	3° scoring systems for impact, probability and ability;	3° le système de notation pour l'impact, la probabilité et la capacité;
4° isesengura ry'ibyuho;	4° gap analysis;	4° l'analyse des écarts;
5° isuzuma ry'ubudahungabana;	5° stress testing.	5° test de résistance

Ingingo ya 17: Intego z'isubukurabikorwa	**Article 17: Recovery objectives**	**Article 17: Objectifs de reprise d'activités**
Ikigo kigenzurwa kigaragaza kandi kigashyiraho intego z'isubukurabikorwa zikwiye n'ingamba z'ishyirwamubikorwa hashingiwe ku byavuye mu isesengura ry'ingaruka ku mirimo no ku miterere, ingano n'urusobe byacyo.	A regulated institution identifies and develop appropriate recovery objectives and implementation strategies based on the results of the business impact analysis and its nature, size and complexity.	Une institution réglementée identifie, et développe des objectifs de reprise d'activités appropriés et des stratégies de mise en œuvre sur la base des résultats de l'analyse de l'impact sur les activités et de sa nature, de sa taille et de sa complexité.
Intego z'isubukurabikorwa zigomba kuba zifite aho zihuriye n'ibyateza ingorane izo ntego zateza mu mikorere y'ikigo kigenzurwa.	The recovery objectives reflect the risk they represent to the operation of regulated institution.	Les objectifs de reprise d'activités doivent refléter le risque qu'ils représentent pour le fonctionnement de l'institution réglementée.
Hashingiwe ku bivugwa mu gika kibanziriza iki, itsinda rishinzwe imicungire y'ikomeza ry'imirimo y'ikigo kigenzurwa rigomba:	For the purpose of preceding paragraph, a regulated institution´s business continuity management team must:	Aux fins de l'alinéa précédent, l'équipe chargée de la gestion de continuité des activités de l'institution réglementée doit:
1 º gusesengura ibyateza ingorane intego z'isubukurabikorwa zateza urwego rw'imari hashingiwe kuri serivisi z'ingenzi gitanga ndetse n'uburemere bwazo ku rwego rw'imari;	1° make an assessment of the risks recovery objectives may pose to the financial sector based on critical services they provide and their significance to the financial system;	1 º faire une évaluation des risques que les objectifs de reprise d'activités peuvent représenter au secteur financier en fonction des services essentiels qu'elles fournissent et leur importance pour le système financier;
2 º kugaragaza imirimo n'ibikorwa bigomba gusubukurwa mbere y'ibindi;	2° identify those business functions and operations to be recovered on a priority basis;	2 º identifier les activités et les opérations à rétablir prioritairement ;
3 º gushyiraho intego	3° establish recovery objectives	3 º établir des objectifs de la reprise

z'isubukurabikorwa zijyanye n'ingorane zishobora guteza urwego rw'imari**.**	proportional to the risk they pose to the financial system.	d'activités proportionnels au risque qu'ils représentent pour le système financier.
<u>Ingingo ya 18</u>: Gukemura ibibazo na gahunda z'isubukurabikorwa	**<u>Article 18</u>: Incidents response and recovery plans**	**<u>Article 18</u> : La réaction aux incidents et plan de reprise d'activit**és
Ikigo kigenzurwa gishyiraho kandi kigashyira mu bikorwa uburyo bwo gukemura ibibazo ndetse na gahunda z'isubukuramirimo mu rwego rw'imicungire y'ibibazo bishobora guhagarika ibikorwa by'ingenzi. Ikigo kigenzurwa kigomba kunoza gahunda zo gukemura ibibazo no gusubukura imirimo kita ku masomo cyakuye mu bibazo byabanje.	A regulated institution shall develop and implement response and recovery plans to manage incidents that are likely to disrupt the delivery of critical operations. A regulated institution shall continuously improve their incident response and recovery plans by incorporating the lessons learned from previous incidents.	Une institution réglementée élabore et met en œuvre des plans de réaction et de reprise d'activités pour gérer les incidents susceptibles de perturber la réalisation des activités essentielles. Une institution réglementée améliore continuellement ses plans de réaction et de reprise d'activités en cas d'incident en intégrant les leçons tirées des incidents précédents.
<u>Ingingo ya 19</u>: Uburyo bwo gusubukura ibikorwa	**<u>Article 19</u>: Recovery arrangements**	**<u>Article 19</u>: Modalités de reprise d'activités**
Ikigo kigenzurwa gisuzuma ko uburyo bwerekeye isubukurabikorwa buboneye mu gihe cyo gusuzuma niba gahunda y'ikomeza ry'imirimo y'ikigo ishobora gukorana n'ihagarika rikomeye ry'imirimo.	A regulated institution shall review the adequacy of recovery arrangements when evaluating whether an institution's business continuity plan is able to accommodate major operational disruptions.	Une institution réglementée doit examiner la justesse des dispositions de reprise d'activités lors de l'évaluation pour savoir si son plan de continuité des activités peut supporter des perturbations opérationnelles majeures.
Isuzuma rigamije kureba ko uburyo bwerekeye isubukurabikorwa riboneye rigomba gusesengura ibi bikurikira:	The review of the adequacy of recovery arrangements must assess the following areas among others:	L'examen de l'adéquation des dispositions de reprise d'activités doit évaluer les domaines suivants entre autres:
1° niba ahandi hantu hakorerwa ari	1° whether the alternate site is	1° si le site alternatif est suffisamment

kure bihagije y'ishami rikuru ry'ikigo kigenzurwa;	sufficiently remote from the main branch of a regulated institution;	éloigné du siège d'une institution réglementée;
2° ahantu ho kwimukira mu gihe cy'ibiza hafite ibikoresho bihagije, amakuru ndetse n'ubushobozi byo mu rwego rw'ikoranabuhanga bifasha gukomeza ibikorwa na serivisi z'ibanze mu gihe gihagije;	2° whether disaster recover site is sufficiently equipped with the necessary equipment, IT solutions and data to maintain critical operations and services for a sufficient time period;	2° si le site de reprise d'activité en cas de désastre est suffisamment équipé de matériel nécessaire, de solutions informatiques et données pour maintenir les opérations et services essentiels pour une période suffisante ;
3° ibarura ry'imitungo (kaseti zibitse amakuru y'ingoboka, imiyoboro y'itumanaho, uburyo bw'imikorere n'ibikoresho bijyana n'ikoranabuhanga) rikenewe mu gihe cy'isubukurabikorwa hanze y'ikigo;	3° an inventory of assets (backup tapes, communication links, operating systems, hardware) needed for offsite recovery;	3° un inventaire des biens (cassettes de sauvegarde de données, liens de communication, systèmes d'exploitation, disque dur) nécessaire pour la reprise des activités hors site;
4° ibyo abakozi bakenera n'aho bakwimurirwa mu gihe cy'ihagarika rikomeye ry'imirimo;	4° staff requirements and reallocation to the alternate site in the event of a major disruption;	4° les besoins du personnel et sa réaffectation au site alternatif en cas de perturbation majeure ;
5° imirimo ikorwa hifashishijwe undi muntu harimo:	5° outsourced activities, including:	5° les activités externalisées, y compris:
